**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO GUSOZA AMAHUGURWA Y'ABUNZI KU RWEGO RW'IGIHUGU**

**KARONGI, KU WA 22 KAMENA 2017**

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba,

Abunzi muraho mumeze neza?

Bayobozi muri hano mu nzego zitandukanye muri iyi Ntara y'Iburengerazuba, Bunzi mwese, nishimiye kugera hano muri aka Karere ka Karongi, kugira ngo twungurane inama, ibitekerezo ku mikorere inoze no kuzuza neza inshingano zacu zikomeye zo kunga abanyarwanda. Ndagira ngo mbanze nshimire ubwitange n'umurava Abunzi mukorana umurimo wo kunga, ikinyabupfura, indangagaciro bagaragaza mu gihe cyose bunga mu mahoro imiryango ifitanye amakimbirane.

By'umwihariko hari ibimaze gukorwa mu rwego rwo gufasha Abunzi kugera ku nshingano aribyo:

- Hashyizwego itegeko N° 37/2016 ryo ku wa 08/09/2016 rigena imitunganyirize, ifasi, ububasha n'imikorere bya komite y'Abunzi, hari ibyo ryahinduye cyane cyane ku gaciro n'ingano y'ikibazo gisuzumwa n'Abunzi. Ako gaciro ntigashobora kujya hejuru ya miliyoni eshatu (3.000.000 frw).

- Ubu harimo kunozwa Iteka ku mikorere y'Abunzi, no kwimakaza indangagaciro na kirazira bizafasha abunzi kugera ku nshingano.
- Ku bijyanye no gufasha Abunzi mu murimo wabo wo kunga, Abunzi ku rwego rw'Umurenge mwagenewe amagare nk'inyoroshyangendo mu gihe mujya cyangwa muva ku murimo wo kunga. Abunzi batarahabwa inyoroshyangendo ibyangombwa bimaze gutegurwa ubu hagiye gutangwa irindi soko ryo kugemura amagare.
- Uburyo bw'itumanaho bwaroherejwe. Ubu buri Mwunzi afite telefoni ngendanwa.
- Ku bijyanye no kwivuza, buri Mwunzi n'abantu 4 mu bagize imiryango yanyu Leta ibishyurira ubwisungane mu kwivuza.
- Abunzi bahabwa ibikoresho n'amahugurwa. Raporo igaragaza ko kugeza kuwa 16/6/2017, Abunzi 98, 4% mwahuguwe.

**Umusaruro w'Abunzi Urashimishije;**

Dufashe igihembwe kimwe gusa muri 2016/17, raporo igaragaza ko mu bibazo Abunzi bakiriye mu gihugu hose, byose hamwe bingana 27.976, ibyakemuwe bingana na 25.502 (91,2%,) ibibazo 542 byakomeje mu Nkiko (1,9%), ibitarafatiwe umwanzuro ni 1932 bingana na (6,9%) ibi ni ibyo kwishimirwa cyane.

**Ubushakashatsi muri 2016 (RGB, Citizen report card);**

Raporo y'Ikigo cy'Igihugu cy'imiyoborere myiza (RGB) muri 2016 yagaragaje ko abaturage 80% bizeye urwego rw'Abunzi ku kigero cya 86.9% naho 12.7% bakaba bakibona ko Urwego rw'Abunzi rufite ibibazo nabyo byoroheje ku bijyanye n'amahugurwa. Uko ubushobozi bugenda buboneka amahugurwa aziyongera akorwe kenshi mu mwaka.

Hari ibibazo bigaragara mu Bunzi ariko bidashingiye ku mategeko, ahubwo ku mikorere itari myiza ishingiye mu gukora nabi na ruswa.

**Urugero**:

- Mu Karere ka Kicukiro, hagaragaye Abunzi bakiriye ruswa barafungwa;
- Mu Karere ka Rwamagana hafunzwe Abunzi 2 ku cyaha cya ruswa,
- Mu Karere ka Gasabo Umwunzi yahawe igihano cy'imyaka 3 y'igifungo ku cyaha cya ruswa.
- Mu Karere ka Nyanza Umwunzi yarirukanywe kubera guhindura imyanzuro y'Abunzi.
- Mu Karere ka Karongi/ Umurenge wa Murundi hagaragayemo ibibazo mu Bunzi byo kwakira no gukemura ibibazo bitari mu bubasha bwabo.

Hari n'ibindi bibazo bifitanye isano bigaragaza imikorere idahwitse igenda igaragara muri Komite z'Abunzi hirya no hino, harimo gusiragiza abaturage, kudatanga imyanzuro ku kibazo Abunzi basuzumye, gusuzuma ikibazo no gufata imyanzuro ku kitari mu bubasha bwa Komite y'Abunzi no kuvuguruza ibyemezo by'Inkiko.

Ibi byose biganisha ku mikorere mibi idakwiye kuranga indangagaciro z'Umwunzi. Ibi bisigira urwego rw'Abunzi isura mbi kandi ari urwego rumaze rumaze kugirirwa icyizere n'abanyarwanda.

Ndagira ngo rwose mbasabe ko mwakwirinda icyatuma muteshuka ku nshingano no guta indangagaciro n'ihame ry'ubunyangamugayo mwatorerwe mugakomera ku ndahiro mwakoze mumaze gutorerwa kuba Abunzi.

Ndagira ngo nsoze mbashimira kandi nabizeza ubufatanye bw'inzego zose dukorana.

Mugire Amahoro.